| |
|---|
| **Ikinyarwanda** |
| **PK** |
| **28 Oct. 2009 13.30 -15.30 pm** |

**RWANDA NATIONAL EXAMINATIONS COUNCIL**

**P.O. BOX 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871**

**Inomero yuzuye iranga umunyeshuri**

| *Intara / Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri yigaho* | *Umunyeshuri ku ishuri rye* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA**

**UKWAKIRA - 2009**

**IKINYARWANDA**

**Igihe: amasaha abiri**

**Amanota : /100**

## AMABWIRIZA :

- Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri :
  - Igice cya mbere : Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85 )**
  - Igice cya kabiri : Ihimbamwandiko**(amanota 15)**
- Subiriza mu mwanya wabugenewe.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko.

# Umwandiko: Kurwanya isuri

Karega na Karera bazi neza ko imbaraga z'amazi ari zo zitera isuri. Bazi kandi ko hari isuri ica imikuku n'itera inkangu.

Basabye umwarimu wabo kubasobanurira uko barwanya isuri, cyane cyane itwara ubutaka bwo hejuru. Mwarimu arababwira, ati "ngiye kubabaza ibibazo bibiri, hanyuma dushakire hamwe uburyo bwo kurwanya isuri. Ni iki giha amazi imbaraga? Ubutaka bushoborwa cyane n'isuri buba bumeze bute?"

Karera aramusubiza, ati "amazi agira imbaraga iyo atemba vuba; ahacuramye ahitana byose, ahategamye ahasiga ibyo yamanuye, agata imbaraga zose yari afite." Mwarimu aramusubiza, ati: " ikibazo cya mbere ugishubije neza cyane: kurwanya isuri ni ukubuza amazi gutemba yiruka cyane."

Mwarimu arongera, ati "ni nde wasubiza ikibazo cya kabiri?" Karega arasubiza, ati "ibirinda ubutaka isuri ni ibihingwa n'ibyatsi bibutwikira. Iyo ubutaka buhinze butarabona ibihingwa bibutwikira, nta cyaburwanaho, imvura itwara igitaka cyinshi."

Noneho Mwarimu abasobanurira uburyo bwo kubuza amazi kwiruka cyane: imyobo bacukura ku misozi itangira amazi ikayabuza kwiruka cyane. Imiringoti n'ibyatsi batera bihagarika amazi, bikayambura igitaka yari atwaye. Ku materasi ubutaka buba bushashe, amazi ntatemba ngo atware igitaka. Iyo ubutaka buhinze neza, amazi abucengeramo ntatembe. Ubutaka burimo imborera ituruka ku ifumbire bunywa amazi menshi. Amazi ntahatemba cyane. Murabona ko hari uburyo bwinshi bwo guhagarika amazi.

Karega arabaza, ati "muvuze ko ubutaka buhinze neza bwinjirwamo n'amazi bukayabuza gutemba, nyamara mbere bari bavuze ko ubwo butaka nta cyo bufite kiburwanaho. "

Mwarimu arasubiza, ati "ikibazo cyawe ni cyiza cyane. Akenshi igikorwa kimwe kigira ibyiza n'ibibi, ni yo mpamvu igikorwa kimwe kidahagije. Ubutaka buhinze neza mu murima udaciyeho imyobo, ntuterweho ibyatsi, buzatwarwa n'isuri. Ni ngombwa kwita ku bintu byinshi. Ahacuramye cyane ntibahahinga, bahatera ishyamba, ahadacuramye cyane baharekera urwuri cyangwa bakahatera ibihingwa bitwikira ubutaka."

## IGICE CYA MBERE : UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### I. KUMVA UMWANDIKO (11)

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko? Baraganira ku ki? **(2)**

..........................................................................................................................

..........................................................................................................................

2. Abavugwa muri uyu mwandiko barifuza kumenya iki? **(1)**

..........................................................................................................................

3. Andika amoko abiri y'isuri avugwa muri uyu mwandiko. (1)

....................................................................................................................................

4. Mu buryo bwo kurwanya isuri buvugwa mu mwandiko andikamo bubiri bukoreshwa cyane mu Rwanda kandi bufite ingufu kurusha ubundi. ...........................................................................

.................................................................................................................................... (2)

5. Guhinga neza ubutaka birahagije kugira ngo turwanye isuri ? Sobanura. (2)

....................................................................................................................................

6. Mu Rwanda uburyo bugezweho bwo kurwanya isuri ku misozi ihanamye ni ubuhe? (1)

....................................................................................................................................

7. Ahantu hacuramye cyane hagenerwa iki? Ahadacuramye ho se hagenerwa iki? (2)

---------------------------------------------------------------------------------------------------

## II. INYUNGURAMAGAMBO(14)

8. Uzurisha buri nteruro ijambo uhisemo muri aya akurikira: (7)

Urwuri, imikuku, inkangu, imiringoti, amaterasi, imborera, icuramye.

a) Ni byiza gufumbiza ................................................ kugira ngo amazi afate mu butaka.

b) Amazi atemba afite imbaraga aca................................................ndetse hari n'igihe atera ................................................ku misozi.

c) Gucukura ................................................ntutereho ibyatsi nta bwo biba bihagije.

d) Umushumba yajyanye inka mu ................................................ akererewe.

e) Guca ................................................mu mirima birwanya isuri.

f) Imisozi................................................itwarwa n'isuri.

9. Andika imbusane z'amagambo akurikira: (5)

- Hejuru ................................................................................................
- Kugenda ................................................................................................
- Vuba ................................................................................................
- Kubuza ................................................................................................
- Kwambura ................................................................................................

10. Andika impuzanyito z'amagambo akurikira: (2)

- Imbaraga ................................................................................................
- Abucengeramo ................................................................................................

## III. Ubumenyi rusange bw'ururimi (6)

11. Andika imigani itatu y'imigenurano iganisha ku burezi n'uburere. **(3)**

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

12. Andika ibisakuzo bitatu kandi ubisubize. **(3)**

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

## IV. IKIBONEZAMVUGO (34)

13. Andika ubwoko bw'amazina aciyeho akarongo: (3)

<u>Karega</u> na Karera basabye <u>umwarimu</u> wabo kubasobanurira uko barwanya <u>isuri</u>.

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

14. Andika ntera ziri mu gika cya nyuma cy'umwandiko. **(2)**

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

15. Andika ibinyazina biri mu gika cya kabiri cy'umwandiko hanyuma uvuge amazina yabyo. **(4)**

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

..................................................................................................................................

16. Andika imimaro y'amagambo agize iyi nteruro. **(3)**

Amazi acengera mu butaka.

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

17. Andika inteko z'amagambo aciyeho akarongo. **(6)**

<u>Amazi</u> agira <u>imbaraga</u> iyo atemba vuba; ahacuramye ahitana byose, ahategamye. <u>Mwarimu</u> aramusubiza ati: " <u>ikibazo</u> cya mbere ugishubije neza cyane: kurwanya <u>isuri</u> ni ukubuza amazi <u>gutemba</u> yiruka cyane."

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

18. Tondagura inshinga iri mu dukubo mu ndango yemeza no mu ndango ihakana. **(2)**

Amazi (gutemba)yiruka cyane.

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

19. Ukoresheje ingero andika ibihe bikuru by'inshinga y'ikinyarwanda. **(6)**

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

........................................................................................................................................................

20. Sanisha iyi interuro mu nteko ya 7, 8, 12, na14. **(4)**

Udutaka dutakara dutwawe n'amazi ni twinshi.

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

21. Garagaza uturemajambo tw'amazina n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe. **(4)**

- imbaraga: ........................................................................................................................
- ibyatsi: ...........................................................................................................................
- imvura: ...........................................................................................................................
- urwuri: ............................................................................................................................

## V. UBUTINDE N'AMASAKU (10)

22. a)Ukoresheje ingero eshanu, erekana ko isaku nyesi n'isaku nyejuru bifite ubushobozi bwo gutandukanya amagambo y'Ikinyarwanda. **(5)**

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

b). Andika amagambo abiri ahuje ubutinde n'amasaku n'ijambo ***umwâaka***, n'andi atatu ahuje ubutinde n'amasaku n'ijambo ***umwaâri.*** **(5)**

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

.....................................................................................................................................

## VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYANYARWANDA (10)

23. a) Andika neza interuro zanditse nabi. **(5)**

i) mu rwuri niho inka zirisha. ..........................................................................................

ii) Kwubaha ni ingira kamaro. ..........................................................................................

iii) Nta kibyara nka intare na ingwe. ..................................................................................

iv) Umulimo ukozwe neza ugakorerwa igihe unezeza nyira wo.

..........................................................................................................................................

b) Shyira utwatuzo ku nteruro zikurikira. **(5)**

i) Mbega umwana mwiza we

ii) Ni nde mwahuye mu gitondo

iii) Yaguriye abana inkweto imyenda n'ibindi

iv) Yavuze ati ni byiza ko ngenda.

## IGICE CYA KABIRI: IHIMBAMWANDIKO (15)

24. Urangije amashuri abanza, maze utsinda ikizamini cya Leta bagushyira ku kigo utifuza. Andikira ibaruwa Umuyobozi wÚburezi mu Karere umusaba guhindurirwa ikigo. **Izina ryawe ribe *Uwimana Pasifike* wigaga ku ishuri rya Kamira.**